INAMA Y'ABAPADIRI BA DIYOSEZI YA NYUNDO

Kuva tariki 15/06/2016 kugeza tariki 16/06/2016, abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo bayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, bakoze inama (presbyterium) bayikorera muri Centre Pastorale ya Nyundo.

Iyo nama ikaba yarabanjirijwe n'urugendo rutagatifu rw'abo basaseridoti bakoze tariki 14/06/2016 barukoreye kuri paruwasi Katedrali ya Nyundo mu rwego rwo kunyura mu rugi Rutagatifu nk'uko byateganijwe n'Umushumba wa Kiliziya Gatolika Papa Francisko muri uyu mwaka wa Yubile y'Impuhwe z'Imana.

Urwo rugendo rutagatifu rwabimburiwe n'inyigisho yatanzwe na Padiri Fabien RWAKAREKE. Yavuze ko ari umwanya Imana iduhaye, dutekereze icyadufasha mu gukomeza gukora neza inshingano dufite no kuvugurura umubano wacu na bagenzi bacu. Muri uru rugendo rutagatifu twinjiyemo twiyibutse icyo urugendo rutagatifu rwo guca mu muryango mutagatifu rudusaba. Papa Francisko adusaba kugereranya urugendo dukora tunyura mu rugi rutagatifu turugereranya n'urugendo rugana mu Ijuru kuko ubuzima bwacu ari urugendo rutagatifu. Urwo rugendo rutubere uburyo bwo kuvugurura amasezerano y'ubusaseridoti, Papa arifuza ko urwo rugendo rwadufasha kubona imbaraga zo kuvugururwa n'Impuhwe z'Imana. Natwe dufate umwanzuro wo kuba abanyampuhwe. Ugomba kuva muri urwo rugendo wumvise y'uko ari ingabire y'Imana idufasha guhinduka.

Umupadiri arasabwa kuba umwigishwa wa Kristu kandi agahorana na we kugira ngo amutume. Ibyo bigomba kujyanirana no kubona umwepiskopi mo umusimbura wa Kristu, asabwa guharanira ubumwe bw'Abapadiri. Turasabwa kugorora imyumvire no kwirinda kuba ibigusha dutanga urugero rubi. Kristu Umusaseridoti w'ibihe byose atwereka isura nyayo y'Imana Nyirimpuhwe.

Imana irebana abana bayo n'impuhwe nyinshi ikagira igishyika. Imana ibabarana n'abababaye ikishimana n'abishimye. Ikindi kiranga umutima w'Imana ni Ubunyangamugayo, icyo yasezeranye iragikora n'iyo twe twaba abahemu. Ubaye Umasaseridoti yegurirwa Imana kugira ngo ajye yigisha Ivanjili bikajyana no kubaho mu buryo buhuye na yo kuko ushobora kuyigisha ariko ibikorwa bigahanagura ibyo yigishije. Agomba kuba umushumba udakenesha intama z'Imana akamenya ko atabereyeho we ubwe ahubwo abereyeho abandi. Kwitanga utiganda nk'uko Yezu yabigenzaga, kutiganda kwe ni urukundo akunda abe. Kumenya gushimishwa n'uko icyo bari bashaka yakibahaye. Kwigisha avuga rumwe na Kristu akareba niba icyo aharanira ari ukugaragaza Kristu no kudapfukirana ukuri akerekana aho Ivanjili isumbira imico isanzwe ndetse igasumba n'Isezerano rya Kera. Ikindi Umusaseridoti asabwa ni ukuzirikana ; nyamara umwanya wo kuzirikana urabura mugihe uwo mwanya ari ngombwa kugira ngo umuntu ajye yigisha ibyo yazirikanye. Arasabwa gutagatifuza imbaga y'Imana ayiha Amasakramentu. Baba basabwa kwihatira guhashya muri bo ingeso mbi zose no gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana. Basabwa kwitegereza ubudahwema urugero rwa Kristu utarazanywe no kugaragirwa ahubwo wazanywe no kuba umugaragu wa bose.

Mu nyigisho yatanze igihe cy’Igitambo cya Misa, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Yavuze ko uyu ari umunsi ukomeye kubera ko impuhwe Kristu atugaragariza ari zo abasaseridoti bamamarizamo ubutumwa. Imvura yaguye mu mutambagiro yadusukuye ku mutima. Impuhwe z'Imana nizo amasomo aduha kuzirikana, umwami Akabu afatanije n'umugore we Yezabeli bicishije Naboti bamuziza umurima we. Umwami amaze kubwirwa n'umuhanuzi Eliya, yasabye imbabazi maze Imana imugirira impuhwe.

Mu Ivanjili Yezu ati mukunde ababanga musabire ababatoteza. Yezu aradusaba kugira impuhwe zirenga imitekerereze yacu. Nimukora mutyo muzaba intungane nka Data uri mi ijuru. Ubwo umwaka w'impuhwe tuwugezemo hagati ni udufashe kwisuzuma tumenye aho tugeze. Ibaruwa yateguriwe gusomerwa abakristu tariki 26/06/2016 iragaragaza ko Imana imaze kurema muntu agacumura ntabwo yamutereranye ahubwo yakomeje kumwitaho ndetse imwoherereza n'umucunguzi izo mpuhwe tujye tuzizirikana mu Isakaramentu rya penetensiya. Impuhwe z'Imana ni ifunguro rya buri munsi. Hagomba ibikorwa by'urukundo n'impuhwe kuri roho no ku mubiri. Ubusaseridoti si akazi ahubwo ni ubutumwa. Kwiyibutsa icyo Imana itubwira ko Imana idashaka urupfu rw'umunyabyaha. Turasabwa kwibona muri bose. Roho Mutagatifu rukundo rw'Imana adufashe kwera imbuto zizakomeza kituranga na nyuma y'umwaka w'impuhwe.

Ku gicamunsi, abasaseridoti babonye umwanya wo gusabana bakina umukino w’umupira w’amaguru.

Ku munsi w’inama nyirizina, abari mu nama baboneyeho gushyira hamwe ibitekerezo byavuye hirya no hino muri za doyennes bijyanye n’uburyo ubutumwa bwarushaho kugenda neza babifashijwemo no kwegera abakristu, nyuma yo kungurana ibitekerezo abari mu nama bageze ku myanzuro ikurikira :

1. **KUBAKA INZEGO Z’ABALAYIKI**

Kubaka inzego z’abalayiki byagize uruhare rugaragara mu kuzahura Diyosezi yacu. Bityo rero, izo nzego mu maparuwasi yose zigomba gushimangirwa kandi abazigize bagahabwa amahugurwa ahoraho, kuko ari bo bafasha bagenzi babo kumva ko Kiliziya ari umuryango uduhuza twese, abasaserdoti n’abalayiki.

2. **IMIRYANGOREMEZO**

Imiryangoremezo ni urwego rw’ibanze muri pastorale de proximité Diocèse yacu yiyemeje. Abapadiri bagerageza kwegera abakristu kurushaho mu muryango-remezo bafite inyigisho iteguye neza ihuye n’umurongo mugari watanzwe na Kiliziya babahera muri iryo koraniro. Haracyakenewe gukomeza kubikangurira buri wese ku buryo buri cyiciro cy’abakristu kigaragara mu muryangoremezo bose bakiyumva nk’umuryango usangiye ubuzima.

3. **URUBYIRUKO**

Ni byiza ko buri Paruwasi ifite umupadiri ushinzwe urubyiruko. Ubu rwitaweho, bahabwa imyiherero, ingendo nyobokamana zirakorwa, bahurira mu myidagaduro kandi bagahabwa n’izindi nyigisho zibafasha kwiteza imbere. Ariko hari ikibazo cy’uko bataboneka mu miryangoremezo no mu bindi bikorwa binyuranye by’ubuzima bwa Paruwasi. Hari kandi aho ubona abasore batitabira ku buryo bushimishije. Ni byiza ko inyigisho bahabwa zahuzwa n’igihe tuba tugezemo.

4. **AMATSINDAY’ABANA MU MIRYANGOREMEZO**

Aya matsinda arakora kandi afite akamaro kanini; buri muryangoremezo usabwa kugira abarezi babihugukiwe bita kuri abo bana. Hakenewe ko hashakwa uturirimbo twabafasha gususuruka.

5. **IMIRYANGO Y’AGISIYO GATOLIKA**

Imiryangoya y’Agisiyo Gatolika n’amakoraniro y’abasenga ni ingirakamaro cyane, kuko ari ho abakristu bungukira ubumenyi kuri Kiliziya no mu Iyobokamana ku buryo bufatika kandi bigatuma bitangira Kiliziya. Usanga hari ubwo urubyiruko rutayitabira kandi ari ingenzi.

6. AMASHURI

Abapadiri bagerageza kwita ku mashuri uko bashoboye, babaha Misa n'izindi nyigisho za ngombwa. Aho bishoboka abapadiri bigisha iyobokamana. Mu butumwa bwa aumonier mu ishuri ni ngombwa ko abo bireba bose (padiri, abayobozi n'abakozi) bamenya inshingano za aumônier n'iz'umuyobozi w'ikigo: inyandiko zibisobanura zirahari. Abayobozi b'amashuri ya Kiliziya bose bajya bagenerwa amahugurwa ahoraho ku mibereho n'amahame bya Kiliziya.

7. IMIBEREHO Y'ABAPADIRI

Abapadiri bagerageza gukora ubutumwa bumvira umwepiskopi kandi bunze ubumwe na we. Kugira ngo bigende neza bagomba kubana neza bunze ubumwe, baha urugero rwiza abakristu bashinzwe, bakirinda kuvuguruzanya mu butumwa bwabo. Hakenewe ko padiri yongererwa ubushobozi mu bumenyi no mu mibereho isanzwe, kuko kuva na kera Padiri yariyubahaga kandi akubahwa.

Hashyizweho commission igizwe na ba curés-doyens na comité isanzwe ya fraternite yo kureba uko fraternite yajyamo abapadiri bose kandi igahabwa ingufu n'icyerekezo gishya ikaba ari yo ihuza abapadiri kandi ikabafasha gukemura ibibazo byabo aho kugira ngo hashyirweho association nshya.

Habaho kandi ubufatanye buhuza za paruwasi tukanagira uburyo bwiza bwo gucunga imitungo ya diyosezi iba mu maparuwasi tugendera kuri manuel de procédures administratives et financières (Igitabo Ngengamikorere).

8. GUCUTSA AMAPARUWASI NO GUSHINGA AMASHYA

Ni byiza ko abakristu bumvise ko Kiliziya ari iyabo, ku buryo autoprise en charge bayigiramo uruhare rufatika. Ariko ni byiza ko mbere y'uko hashingwa Paruwasi, Conseil presbyteral ari na yo ibishinzwe yajya ireba niba koko igihe kigeze ngo Paruwasi ivuke.

9. KWITA KU MUHAMAGARO W'ABIYEGURIRA IMANA BIHUZWA N'ICYEREKEZO CYA DIYOSEZI

Amaparuwasi yose agomba gukora uko ashoboye hakaboneka abana baza kwiga mu Iseminari Nto, ntibikomeze kuba umwihariko w'amaparuwasi amwe n'amwe; amaparuwasi ashake uburyo bwo gufasha abana b'abakene bifuza kandi bujuje ibindi bya ngombwa byo kwiga mu iseminari kandi abana bagategurwa guhera mu mwaka wa kane. Hashyirwaho kandi ikigega cyo gufasha abaseminari kigaterwa inkunga mbere na mbere n'amaparuwasi, hakagenwa kandi n'icyumweru cy'ituro rigenewe iseminari muri diyosezi yose. Ireme ry'uburezi mu bindi bigo bya

Kiliziya rigomba kwitabwaho kugira ngo ababyizemo bashaka kwiha Imana bye kubabera intambamyi, bitewe n'ubumenyi buke baba barahavanye. Imiryango y'abihayimana idasanzwe ikorera muri Diyosezi yacu, ariko ikaba yafasha mu ikenurabushyo no mu gufasha Diyosezi guteza imbere umuryango w'Imana yashishikarizwa kuza gukorera muri diyosezi.

10. KONGERA IBIKORWA BIZANIRA INYUNGU N'UBUSHOBOZI AMAPARUWASI NA DIYOSEZI

Birakwiye ko hakongerwa ibikorwa bibyara inyungu mu maparuwasi na Diyosezi kandi bigashyirwa ahantu bishobora kubyara inyungu muri Diyosezi ndetse no hanze yayo kandi bigacungwa neza.

11. KOMISIYO ZINYURANYE

Komisiyo y'umuryango

Umuryango ufite umwanya w'ibanze muri gahunda zose za Kiliziya. Ni yo mpamvu Komisiyo iwushinzwe muri Diyosezi igomba gukurikiranira hafi ko abayigize ku rwego rwa Paruwasi bahari kandi bakaba buzuza inshingano zabo. Igitabo kiri gutegurwa cyitwa « *Umukateshisiti w'urugo* » kigomba kwihutishwa, kuko kizafasha mu guhugura abagize Kiliziya y'ibanze, ari rwo rugo.

Komisiyo y'ubutabera n'amahoro na yo yashakirwa uburyo bwo kubaho kandi ikongererwa ubushobozi n'abakozi kugira ngo ibashe kuzuza neza inshingano

12. ISHURI TUMENYE BIBILIYA

Abakristu gatolika bagomba guhabwa amahugurwa ku Ijambo ry'Imana kugira ngo rirusheho kubayobora no kubakomeza mu kwemera binyujijwe mu Ishuri rya Tumenye Bibiliya. Amaparuwasi atarifite yabishyiramo imbaraga.

13. INGENDO NYOBOKAMANA KU MURWA WA BIKIRA MARIYA, UMUBYEYI W'ABAKENE I KONGO-NILI

Izi ngendo zarushaho gukorwa no gutegurwa neza kuko zidufasha mu ikenurabushyo muri diyosezi mu ngeri zose z'abakristu.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA